RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

**2025** Tariki 21- 28 Gashyantare




**Cycling:** Hatangiye Isiganwa rya Tour du Rwanda 2025

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Football:** Hakinwe Imikino y'Umunsi wa 18 wa Shampiyona

P1 **Football:** Habaye Imikino ya 1/4 cy'Igikombe cy'Amahoro

P2 **Cycling:** Hatangiye Isiganwa rya Tour du Rwanda 2025

P2 **Tennis:** Hari Kuba Irushanwa rya Tennis "ATP Challenger 75 Tour"

P3 **Basketball:** U Rwanda Rwabonye Itike ya AfroBasket 2025

P3 **Volleyball:** Shampiyona Yarakomeje Ku Munsi Wayo wa 11

P4 **Swimming:** Mako Sharks Yegukanye Irushanwa ry'Intwari

P4 **Amputee Football:** Habaye Imikino y'Icyiciro cya Kane cya Shampiyona

1

## **Football:** Hakinwe Imikino y'Umunsi wa 18 wa Shampiyona

Kuwa 22-24 Gashyantare 2025, Shampiyona yarakomeje ku munsi wayo wa 18. Umukino wari witezwe ndetse watunguranye kurusha iyindi wahuzaga Amagaju na Rayon Sports FC wasize izi kipe zombi zinganyije 1-1, kuwa 22 Gashyantare 2025.

Mu yindi mikino y'umunsi wa 16, Rwamagana yatsinze Marines FC ibitego 2-0, Police FC inganya na Musanze FC ibitego 3-3, naho Rutsiro FC yari yakiriye Etincelles itsindwa 0-1. Gorilla FC yanganyije na AS Kigali mu mukino wabuzemo igitego na kimwe, Bugesera yari yasuye Vision FC itsinda 0-4, mu gihe Mukura VS yatsinze APRC igitego 1-0, naho Gasogi United itsinda Kiyovu Sports ibitego 2-1.





## **Football:** Habaye Imikino ya 1/4 cy'Igikombe cy'Amahoro

Kuwa 26 na 27, habaye imikino y'Igikombe cy'Amahoro, igeze muri 1/4 cy'irangiza. Mu mikino yabereye yose kuri Kigali Pele Stadium mu bihe bitandukanye, amakipe yatsindanye mu buryo bukurikira:

Rayon Sports 2-2 Gorilla FC
Amagaju 2-0 Mukura VS
Police FC 2-1 AS Kigali
APR FC 1-0 Gasogi United





## **Cycling:** Hatangiye Isiganwa rya Tour du Rwanda 2025


Kuwa 23 Gashyantare 2025, hatangijwe isiganwa rya Tour du Rwanda ku nshuro yaryo ya 17, umuhango witabiriwe ndetse ukanatangizwa na Perezida Paul Kagame. Mbere yo gutangiza Isiganwa, Perezida Kagame na David Lappartient, Perezida w'Ishyirahamwe ry'Umukino w'Amagare ku Isi (UCI) bafunguye ikigo cyo guteza imbere umukino w'amagare ku mugaragaro.

Mu bamaze kwegukana uduce tw'iri siganwa kugeza ubu harimo Umubirigi, Aldo Taillieu ukinira ikipe ya Lotto Dstny Devo, Umunya-Eritrea Henok Mulubrhan ukinira ikipe ya Astana, Umunya-Australia Brady Gilmore ukinira Israel-Premier Tech, ndetse n'Umufaransa Joris Delbove ukinira ikipe ya TotalEnergies.









## **Tennis:** Hari Kuba Irushanwa rya Tennis "ATP Challenger 75 Tour"

Kuwa 24 Gashyantare 2025, ku bibuga bya IPRC Kigali hatangiye imikino mpuzamahanga ya 'ATP Challenger 75 Tour'. Iri rushanwa ryabanjirijwe n'ijonjora rya mbere, ryasize 32 beza ari bo batsindiye kurikina.

Kuwa 24-27 Gashyantare 2025 habaye imikino iganisha ku mukino wa nyuma uteganyijwe kuri uyu wa 1 Werurwe 2025 uzahuza abazatambuka muri 1/2 giteganyijwe kuri uyu wa 28 Gashyantare 2025. Hateganyijwe imikino y'irushanwa rya ATP Challenger 100 Tour rizakinwa kuva tariki ya 3 kugeza ku ya 9 Werurwe 2025.









## **Basketball:** U Rwanda Rwabonye Itike ya AfroBasket 2025

I Rabat, Kuwa 23 Gashyantare 2025, habereye imikino yo gushaka itike ya Afro Basket, aho mu wahuzaga u Rwanda na Gabon, u Rwanda rwatsinze amanota 81–71, rusoza iki cyiciro cy'amatsinda ari urwa 3 ku rutonde nyuma yo gutsindwa imikino ibiri yabanje kuwa 21 no kuwa 22 Gashyantare 2025, yaruhuzaga na Senegal ndetse na Cameroon.








## **Volleyball:** Shampiyona Yarakomeje Ku Munsi Wayo wa 11

Tariki 23 Gashyantare 2025, shampiyona ya Volleyball yarakomeje ku munsi wayo wa 11.

Imikino yo kuri uyu munsi yarangiye Police VC itsinze Kepler VC amaseti 3-1, East African University of Rwanda nayo itsinda Kigali VC amaseti 3-0. Ni mu gihe mu bagore APR VC yatsinze Wisdom amaseti 3-0, Police VC nayo itsinda RRA VC amaseti 3-0.










## **Swimming:** Mako Sharks Yegukanye Irushanwa ry'Intwari

Ku Cyumweru, tariki ya 23 Gashyantare 2025, habaye irushanwa ryo koga ryiswe "Rwanda Aquatics National Heroes Swimming Cup 2025", ryabaye ku nshuro yaryo ya mbere.

Iri rushanwa ryitabiriwe n'amakipe icyenda yo mu Rwanda, yose hamwe yari afite abakinnyi 132, ryasize Mako Sharks ibaye iya mbere n'amanota 2949,5, ikurikirwa na Vision Jeunesse Nouvelle yagize amanota 1191 mu gihe Cercle Sportif de Karongi Academy yagize amanota 860 ku mwanya wa gatatu.







## **Amputee Football:** Habaye Imikino y'Icyiciro cya Kane cya Shampiyona

Ku wa 23 Gashyantare 2025, mu Karere ka Rubavu hakiniwe imikino y'Icyiciro cya Kane cya Shampiyona ya Amputee Football mu Rwanda (Phase IV).

Mu bagabo, Karongi imaze gukina no gutsinda imikino 15, ikaba ifite amanota 45. Mu bagore Nyanza yatsinze umukino umwe ikanganya ine ifite amanota arindwi, igakurikirwa na Musanze ifite atandatu.

Iyi ni imikino yabanzirizaga Icyiciro cya Gatanu ari na cyo cya nyuma mu mwaka w'imikino wa 2024/25 (Phase V), giteganyijwe gukinwa mu mpera za Mata 2025.







RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave